REPUBULIKA Y’U RWANDA

# RAPORO Y’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY’INGANDA MU RWANDA

KANAMA 2025

## RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA
## KANAMA 2025

### INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:
- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 11% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 11,1%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 11,3%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:
- Ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,3% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 3,3%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byagabanutseho 6,4%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2024 | | | | | 2025 | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 | 4,3 | 4,2 | 2,4 | 6,3 | 11,9 | 13,0 | 11,0 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 | 1,8 | 0,9 | 1,7 | 5,4 | 8,7 | 6,8 | 11,1 |
| Ibyoherezwa hanze | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 | 9,7 | 10,8 | 4,2 | 8,4 | 19,4 | 26,5 | 11,3 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 | -0,9 | -0,6 | -1,9 | 2,5 | 0,6 | 1,8 | -0,3 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 | -1,2 | -2,2 | 2,0 | 1,7 | -0,6 | -0,9 | 3,3 |
| Ibyoherezwa hanze | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 | -0,3 | 2,4 | -8,9 | 4,4 | 3,2 | 6,5 | -6,4 |

### 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

## 1. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Kanama 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 11%, ugereranyije na Kanama 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 11,5% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye

Ugereranyije Kanama 2025 na Nyakanga 2025, ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,3%. Ibi byatewe ahanini n'imanuka rya 2,3% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Kanama 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 11,1% ugereranyije na Kanama 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 10,9% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Kanama 2025 na Nyakanga 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byazamutseho 3,3%. Ibi byatewe n'izamuka rya 1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Kanama 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 11,3% ugereranyije na Kanama 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi byazamutseho 27,1% n'biciro byo mu nganda zitunganya ikawa byazamutseho 0,7%.

Ugereranyije Kanama 2025 na Nyakanga 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byagabanutseho 6,4%. Ibi byatewe ahanini n'igabanuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byagabanutseho 12,2% n'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi byagabanutseho 1,8.

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw